No 227 Fev-Mars 2020

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## IHURIRO RIKOMEJE KUBAKA UBUSHOBOZI BW'ABAGORE B'ABAYOBOZI MU MITWE YA POLITIKI IRIGIZE



Muri gahunda yaryo yo kongerera ubushobozi, abayobozi n'abayoboke b'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro, ku matariki ya 14 - 15 Werurwe 2020, muri Hotel La Palme iri mu Karere ka Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru, habereye amahugurwa yahuje abayobozi b'Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki uri mu Ihuriro. Aya mahugurwa yahuje abagore 55, baturuka mu Turere twose tugize iyi Ntara, buri Mutwe wa Politiki ukaba wari uhagarariwe n'abagore batanu (5).

Aya mahugurwa yibanze k'**Uruhare rw'abagore bo mu Mitwe ya Politiki mu bikorwa bya politiki no mu nzego zifatirwamo ibyemezo.** Akaba yari agamije gushishikariza abagore bo mu Mitwe ya Politiki gukomeza kwitabira ibikorwa bya Politiki no guhatanira kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo.
Muri aya mahugurwa hatanzwe ibiganiro bitatu: Ikiganiro cya mbere cyibanze k'**Uruhare rw'Umugore mu bikorwa bya Politiki, umugore arashoboye: ibyakozwe, ibiteganyijwe kugerwaho n'ingorane zigihari**. Iki kiganiro cyatanzwe na Hon. Mukasine Marie Claire. Mu kiganiro cye, yagaragaje ishingiro ry'uruhare rw'umugore mu bikorwa bya Politiki mu Rwanda. Aha, yagaragaje ko uruhare rw'umugore muri ibi bikorwa ari uburenganzira bwe bwemejwe ku rwego mpuzamahanga. Yavuze ko mu Rwanda, uruhare rw'umugore mu rwego rwa politiki rwari ruto cyane, rukaba rwaratangiye kugaragara nyuma y'urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994. Ubushake bw'Abanyarwanda bwo kudaheza abagore mu bikorwa bya Politiki, bugaragarira mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 10 irebana n'Amahame Remezo u Rwanda rugenderaho, cyane cyane ihame rivuga ko u Rwanda rwiyemeje "*kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya Politiki binyuranye, uburinganire bw'abagabo n'abagore n'uko abagore bagira 30% by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo; Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no kugena uburyo bwo kubaka amahirwe angana mu mibereho yabo; gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize*".
Hashingiwe kuri iri hame, hagiyeho amategeko, ingamba n'ibikorwa bigamije guteza imbere uburinganire bw'abagore n'abagabo no kuzamura ubushobozi bw'abagore mu bikorwa byose by'ubuzima bw'Igihugu. Ni muri uru rwego, umubare w'abagore bari mu myanya ifatirwamo ibyemezo wagiye uzamuka ku buryo bushimishije, aho mu Nteko Ishinga Amategeko, abagore bagera kuri 61.3%, naho ba Minisitiri b'abagore bakaba ari 52.3%, Imitwe ya Politiki ine iyobowe n'abagore.

Ikiganiro cya kabiri cyibanze k'**"Uruhare rw'abagore bo mu rugaga rw'Umutwe wa Politiki mu miyoborere mpinduramatwara"**, cyatanzwe na Hon. Gakuba Jeanne d'Arc. Mu kiganiro cye yibanze ku nshingano eshatu z'ingenzi zireba umuyobozi w'umugore: umugore nk'umubyeyi, umugore nk'umuyobozi, umugore ugomba gutunganya inshingano z'urugo (spouse).
Yakomeje agaragaza ko imyumvire y'abantu yazamutse ku isi yose, aho bumva ko abagore bagomba kugira uruhare rufatika mu miyoborere, imibereho myiza n'iterambere ry'ubukungu mu bihugu byabo. Mu Rwanda, byumvikanye neza ko kongera kubaka Igihugu, abagore bagombaga kubigiramo uruhare kandi byatanze umusaruro ugaragarira buri wese.
Mu nzitizi zigihari, ni uko ihame ry'uburinganire ritarumvikana neza, ku bagabo n'abagore bamwe. Abagabo bakwiye kurushaho kumva inshingano eshatu z'abagore, binafashe mu kuzuzuza.

Ikiganiro cya gatatu (3) cyibanze kuri **Politiki yo guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Rwanda: ibyagezweho, inzitizi zikigaragara n'ingamba zo kuzikemura.** Iki kiganiro cyatanzwe na Madamu Mukandasira Caritas, Umugenzuzi Mukuru Wungirije mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Igenzura ry'Iyubahirizwa ry'Ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Iterambere ry'Igihugu. Mu kiganiro cye yagarutse ku nshingano z'Urwego, uburyo bakora ubugenzuzi, ibyagezweho mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uburinganire, agaragaza ingorane zigihari n'ingamba Igihugu gifite kugira ngo ibibangamira iri hame biveho.

Mu ngamba, yagaragaje ubushake bwa Politiki, amategeko na gahunda byashyizweho, ndetse n'inzego zishinzwe gukurikirana umunsi ku wundi ishyirwa mu bikorwa ry'iri hame, nka Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Inama y'Igihugu y'Abagore (NWC), Urwego rw'Igihugu rushinzwe Igenzura ry'Iyubahirizwa ry'Ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO), n'izindi.
Yavuze ko mu rwego rwo gukumira ihohoterwa rikorerwa mu ngo, hashyizweho ibigo byakira abahuye n'icyo kibazo hirya no hino mu Gihugu. Ubu hakaba hakora Isange one Stop Centers mirongo ine n'enye (44) zikora amasaha 24/24, hirya no hino mu Gihugu.

Mu ngorane zikigaragara muri uru rwego, ni uko hari abatarumva neza akamaro k'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu buzima butandukanye bw'Igihugu. Abagore bamwe na bamwe batamenya amategeko abarengera, abandi bakaba bataragira ubushobozi bwo kwigira ngo bakore imirimo ibinjiriza amafaranga badacungiye ku bagabo gusa.



Muri aya mahugurwa, intumwa za **Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu** zakoresheje umwitozo (umukoro ngiro) abayobozi b'urugaga rw'abagore baturuka mu Mitwe ya Politiki bo muri iyi Ntara.
Umukoro ngiro bakoze wo gusigasira igisenge, wafashije aba bayobozi kumva ko Imitwe ya Politiki barimo ari nk'injishi, ko kandi gusigasira igisenge (u Rwanda) bigomba gukorwa bose bashyize hamwe, bigashimangira amahitamo y'Abanyarwanda yo gukora demokarasi ishingiye ku bwumvikane, ibiganiro no kudaheza, bagaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda, bakanafatanya mu guteza u Rwanda imbere.

Mu mahugurwa kandi, Depite MPEMBYEMUNGU Winifrida yatanze **ubuhamya bugaragaza urugendo umugore yanyuzemo mu nzego z'ubuyobozi zifatirwamo ibyemezo**, kuva ku rwego rw'ibanze rwa nyumbakumi, kugeza ku rwego rwo kuba Umudepite mu nzego Nkuru z'Igihugu,

Amahugurwa yashojwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana Burasanzwe Oswald, washimye Imitwe ya Politiki, ashima abayitabiriye n'abatanze ibiganiro. Yasabye abahuguwe ko bakwiye gusangiza ubumenyi bungutse abandi bayoboke b'Umutwe wa Politiki. Yashimiye kandi Itorero ry'Igihugu ryatanze umukoro ngiro muri aya mahugurwa, avuga ko ubu bufatanye buzanakomeza mu mahugurwa yandi azategurwa mu zindi Ntara.
Yashoje agaragaza ko umugore w'u Rwanda ashoboye, icyo asabwa ari ugukomeza kwigirira icyizere, ntagamburuzwe n'inzitizi ahura nazo.

## Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo



Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo mu nama yayo isanzwe, yateranye ku wa gatanu tariki ya 28/02/2020 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, iyoborwa na Visi Perezida wa Komisiyo, Madamu NYIRANEZA Espérance

Umuyobozi w'inama, Madamu Madamu NYIRANEZA Espérance yatangiye ashimira abayitabiriye, ababwira ko ku murongo w'ibyigwa hariho gutanga ibitekerezo ku myiteguro y'amahugurwa k'Uburyo bw'ihanahanamakuru mu Mutwe wa Politiki (Training on effective communication within political party – intra party dialogue); ategurwa ku bufatanye bw'Ihuriro na RGB.

Umuyobozi w'Ishami ry'Itumanaho n'imirimo ya Komisiyo, Bwana SINDAYIHEBA Fabien, yahawe umwanya asobanura, ibirebana n'uko aya mahugurwa ategurwa n'Ihuriro ku bufatanye n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) agenda.

Yavuze ko amahugurwa agamije muri rusange kunoza uburyo bw'itumanaho n'ihanahanamakuru mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro. By'umwihariko, akaba agamije:

- Kongerera ubushobozi abayobozi mu Mitwe ya Politiki bashinzwe itumanaho n'ihanahanamakuru;
- Kunoza uburyo bw'ihanahanamakuru mu Mutwe wa Politiki hagati y'Inzego z'Ubuyobozi Bukuru bw'Umutwe wa Politiki, inzego z'ibanze zawo, hagati y'abayoboke b'Umutwe wa Politiki;
- Kumenyesha no kugeza ku buryo bwihuse kandi buhoraho amakuru ku bayoboke b'Umutwe wa Politiki, ku bayobozi bawo, ndetse no ku bandi bafatanyabikorwa bawo.

Ku birebana n'abazitabira aya mahugurwa, yavuze ko aya mahugurwa agenewe abayobozi mu Mitwe ya Politiki bashinzwe itumanaho n'ihanahanamakuru, ndetse n'abashinzwe ubukangurambaga. Azitabirwa kandi n'abahagarariye urugaga rw'urubyiruko, kimwe n'abahagarariye urugaga rw'abagore muri buri Mutwe wa Politiki uri mu Ihuriro. Abandi bazayatumirwamo ni abagize Komisiyo y'Ihuriro y'Itumanaho no kungurana ibitekerezo.

Agaruka ku biganiro bizatangwa muri aya mahugurwa yababwiye ko ikiganiro cya mbere bazagezwaho kizibanda ku **Ihanahana makuru mu Mutwe wa Politiki n' imiyoboro yifashishwa (Introduction to political communication and channels for effective communication within a Political Party).**

Muri iki kiganiro abazitabira amahugurwa bazagaragarizwa impamvu ari ngombwa guhanahana amakuru mu Mutwe wa Politiki; intego n'amahame ngenderwaho. Bazanagaragirzwa ibyiza byo guhanahana amakuru hagati y'Inzego zose z'Umutwe wa Politiki kuva mu nzego z'ibanze kugera mu nzego zo mu buyobozi bukuru bw'Umutwe wa Politiki.

Abahugurwa bazaganira ku miyoboro (channels) yifashishwa mu ihanahana makuru mu Mutwe wa Politiki. Bikazabafasha gusesengurira hamwe imiyoboro yose yakwifashishwa mu ihanahanamakuru mu Mitwe ya Politiki, kugira ngo urusheho kwimenyekanisha, kugera ku bayoboke bawo no ku bandi muri rusange.

Ikiganiro cya kabiri **kizibanda ku buryo bwo guteza imbere uburyo bw'ihanahanamakuru mu Mutwe wa Politiki / Promoting an effective internal communication mechanisms.** Iyi ngingo izagaragaza uko ihanahanamakuru mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro rihagaze muri iki gihe (current status); imbogamizi n'ingamba zikwiye gufatwa.

Naho ikiganiro cya gatatu kikazibanda ku **Ihanahanamakuru hagati y'Umutwe wa Politiki n'izindi nzego / Communiction with other stakeholders**

Iki kiganiro kizagaragaza uburyo bwiza Umutwe wa Politiki ukwiye guhana amakuru n'abandi bafatanyabikorwa, baba indi Mitwe ya Politiki (iyo mu Rwanda no hanze), zaba Inzego za Leta, Ibitangazamakuru, ndetse n'abandi bafatanyabikorwa banyuranye.

Mu kungurana ibitekerezo, abari mu nama bashimye aho imyiteguro y'aya mahugurwa igeze, bashima kandi ko abazatanga ibiganiro bashoboye kandi bamenyereye ibirebana n'imikorere y'Imitwe ya Politiki mu Rwanda.

Mu gusoza, Umuyobozi w'inama yashimiye abayitabiriye ibitekerezo batanze.

## Komisiyo ishinzwe gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n' ubufatanye n'izindi nzego



Komisiyo ishinzwe gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego mu nama yayo isanzwe, yateranye ku wa gatanu tariki ya 11/03/2020 mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Hon. NYIRAHIRWA Veneranda.

Iyi nama yasuzumye aho ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019 - 2020 bigeze bishyirwa mu bikorwa, inagezwaho aho imyiteguro y'amahugurwa y'abagore bo mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro igeze; amahugurwa azabera mu Ntara y'Amajyaruguru.

**Mu kugezwaho aho ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2019 - 2020 bigeze bishyirwa mu bikorwa,** Umuhuzabikorwa wa gahunda mu Ihuriro, Bwana Jijuka Zephyrin, yahawe umwanya ageza ku bagize Komisiyo, aho ibikorwa Ihuriro ryateganyije mu mwaka w'ingengo y'imari 2019-2020 bigeze bishyirwa mu bikorwa. Yavuze ko muri rusange muri uyu mwaka w'ingengo y'imari, Ihuriro ryari ryateganyije ibikorwa byose hamwe 43, hashingiwe ku ngengo y'imari ryari ryizeye kubona.

Yagaragaje ko muri rusange kugeza ubu, ku bikorwa byateganyijwe, ibisaga 90% biri mu nzira nziza (hari ibyakozwe bikarangira, n'ibyatangiye bikaba bitararangira).

Muri rusange ku bikorwa mirongo ine na bitatu (43), muri byo:

- Ibikorwa byakozwe neza ni makumyabiri n'icyenda (29) bingana na 67.4%, biri mu ibara ry'icyatsikibisi (Green);
- Ibikorwa cumi na kimwe (11) bingana na 25.6% byaratangiye ariko ntibirarangira, biri mu ibara ry'umuhondo (Yellow);
- Naho ibikorwa bitatu (3) bingana na 7%, ntibiratangira, biri mu ibara ry'umutuku.

Ku bikorwa bitarakorwa, yavuze ko byatewe n'amikoro macye, bikaba bitarabonye ingengo y'imari yafasha kugira ngo bikorwe. Ibyo bikorwa ni ibi bikurikira:

1. Gutegura ibiganiro mpaka kuri demokarasi ishingiye ku bwumvikane bugamije ubumwe bw'Igihugu. Iki gikorwa ntikirakorwa kubera ko kitarabonerwa ingengo y'imari;
2. Gutegura amahugurwa ku buryo bwo gutegura ibiganiro n'impaka za politiki.
3. Amahugurwa agenewe abakora umwuga w'itangazamakuru; akaba azategurwa ku bufatanye bw'Ihuriro n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru (MHC). Iki gikorwa ntikirakorwa kuko izi Nzego zombi zitarabona ingengo y'imari yacyo;
4. Kubaka icyiciro cya mbere (Phase I) cy'inyubako Ihuriro ryajya rikoreramo. Iki gikorwa ntikirakorwa kuko ingengo y'imari yo kugikora itaraboneka. MINECOFIN, ikaba yaragiriye Ihuriro inama ko, mu gihe ingengo y'imari yo kubaka itaraboneka Ihuriro ryakomeza gukoresha uburyo bwo gukodesha aho rikorera. Mu kungurana ibitekerezo, abagize Komisiyo bashimye ibikorwa bimaze gukorwa, hashingiwe ku ngengo y'imari Ihuriro ryabonye. Bakaba bizera ko ibyatangiye biri mu ibara ry'umuhondo, bizakomeza nabyo bigakorwa bikarangira mu gihe gisigaye ngo umwaka w'ingengo y'imari 2019-2020 urangire.

Basabye ko mu gihe byashoboka, hakaboneka ingengo y'imari n'ibikorwa biri mu ibara ry'umutuku bitaratangira, byakorwa kugira ngo Ihuriro rizese umuhigo wo gushyira mu bikorwa iteganyabikorwa ryaryo mu mwaka wa 2019-2020.

**Mu kumenyeshwa imyiteguro y'amahugurwa y'abagore bo mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro; amahugurwa azabera mu Ntara y'Amajyaruguru,** umuhuzabikorwa wa gahunda mu Ihuriro, Bwana Jijuka Zephyrin, yahawe umwanya ageza ku bagize Komisiyo aho imyiteguro y'amahugurwa y'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mitwe ya Politiki ageze ategurwa. Yasobanuye ko, nyuma y'amahugurwa yabereye ku rwego rw'Igihugu, bikagaragara ko aya mahugurwa yagenze neza kandi afite akamaro gakomeye ku iterambere ry'umugore mu kwitabira ibikorwa bya politiki no mu nzego zifatirwamo ibyemezo, hazakurikiraho amahugurwa yo ku rwego rw'Intara.

Icyiciro cy'amahugurwa agiye gukurikiraho azategurwa mu Ntara n'Umujyi wa Kigali. Yavuze ko ku ikubitiro amahugurwa azabera mu Ntara y'Amajyaruguru, akazahuza abayobozi b'urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki bo muri iyo Ntara, aho buri Mutwe wa Politiki uzaba uhagarariwe n'abagore batanu (5), ni ukuvuga umugore umwe muri buri Karere .

Mu kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, abagize Komisiyo batanze inama ko mu gushaka abagore batanga ubuhamya bw'uburyo bazamutse mu myanya y'ubuyobozi bunyuranye n'uburyo biteje imbere, mu byashingirwaho (criteria), hatekerezwa ku byiciro bibiri: umugore utanga ubuhamya bw'uburyo yazamutse mu myanya y'ubuyobozi, undi akavuga uburyo yiteje imbere mu rwego rw'ubukungu.